# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UGUSHYINGO 2024

## GUVERINERI KAYITESI YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA KIBIRIZI, ASABA ABATURAGE KUBANA MU BWOROHERANE



SOMA PAJI YA 10

SOMA PAJI YA 11

## JADF NYAMAGABE YIYEMEJE KUGIRA URUHARE MU BUKANGURAMBAGA BWO KWISHYURA IMISORO



SOMA PAJI YA 2

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UBWIHERERO KU RWEGO RW'IGIHUGU WIZIHIRIJWE MU KARERE HATAHWA IKIGO CY'ISUKU N'ISUKURA CYA NYAMAGABE





SOMA PAJI YA 5

## UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABUNZI KWIRINDA KWAKA INDONKE ABATURAGE

# UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UBWIHERERO KU RWEGO RW'IGIHUGU WIZIHIJWE HATAHWA IKIGO CY'ISUKU N'ISUKURA CYA NYAMAGABE



***Guverineri ari kumwe na Visi Meya HABIMANA n'abafatanyabikorwa mu ifoto y'urwibutso***

Ku wa 19 Ugushyingo 2024, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI yifatanyije n'abaturage b'Akarere by'umwihariko abo mu Murenge wa Gasaka, mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubwiherero ku rwego rw'Igihugu wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Umusarani uboneye, ahantu h'umutuzo".

Guverineri KAYITESI yasabye buri wese kwita ku bwiherero nk'uko yita ku ho arara no ku mubiri we.

By'umwihariko yasabye Imboni z'Isuku n'Isukura zizakorana n'Ikigo cy'Isuku n'Isukura cya Nyamagabe cyafunguwe ku mugaragaro kuri uyu munsi, kwita ku guhugura abaturage mu rwego rwo kugira ngo bagire ubwiherero bwujuje ibisabwa.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yashimiye abafatanyabikorwa b'Akarere batandukanye mu bijyanye n'isuku n'isukura ku ruhare rwabo mu kubungabunga ubuzima bw'abaturage.

Yavuze ko nubwo hari byinshi byakozwe mu guteza imbere isuku n'isukura mu Karere, uruhare rwabo rugikenewe. Yizeje ko Akarere katazahwema gushyira imbaraga mu gufasha abaturage mu bijyanye n'isuku n'isukura.



***Umunsi Mpuzamhanga w'Ubwiherero wahujwe no gufungura ku mugaragaro Ikigo cy'Isuku n'Isukura cya Nyamagabe***

Umunsi Mpuzamahanga w'Ubwiherero wizihirijwe ku rwego rw'Igihugu mu Karere, wahujwe kandi no gutangiza ku mugaragaro gahunda y'Umudugudu w'Icyitegererezo mu bikorwa by'Isuku n'Isukura.

Iki gikorwa cyatangirijwe mu Mudugudu wa Nyabivumu, mu Kagari ka Nyabivumu, mu Murenge wa Gasaka.



***Ikigo cy'Isuku n'Isukura kizajya gifasha abaturage mu kugira ubwiherero bwuzuje ibisabwa***

# ABAKOZI B'AKARERE BAHAWE IKIGANIRO KU MYITWARIRE MBONEZAMURIMO



***Abakozi b'Akarere baganirijwe ku myitwarire mbonezamurimo***

Ku wa 07 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye Umuyobozi Wungirije w'Inama y'Abakomiseri muri Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta, Madame Jeanne d'Arc KANAKUZE hamwe n'itsinda ry'abakozi b'iyi Komisiyo yari ayoboye.

Bagenzwaga no kugenzura uko Akarere gashyira mu bikorwa politiki, amahame n'amategeko ajyanye no gushaka no gucunga Abakozi ba Leta.



***Madame KANAKUZE ni we wari uyoboye itsinda ryaturutse muri Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta***

Nyuma yo kugenzura amadosiye y'abakozi b'Akarere, abakorera ku rwego rw'Akarere bahawe ikiganiro cyagarutse ku myitwarire mbonezamurimo, aho basobanuriwe uko umukozi wa Leta yitwara; ibyo abujijwe n'ibyo yemerewe gukora kugira ngo akazi ke kagende neza.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye Komisiyo y'Abakozi ba Leta kuba yarahisemo kuza kuganiriza abakozi b'Akarere ku myitwarire ikwiye umukozi wa Leta.



***Meya NIYOMWUNGERI yashimiye Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta***

Umuyobozi Wungirije w'Inama y'Abakomiseri muri Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta, Madame KANAKUZE yabwiye abakozi b'Akarere ko ku kazi ari ahantu umuntu amara igihe kinini bityo agomba kuhaha agaciro gakomeye.

Itegeko N° 67/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta rivuga ko iyi Komisiyo ifite inshingano zo kugenzura uko inzego za Leta zishyira mu bikorwa politiki, amahame n'amategeko ajyanye no gushaka no gucunga Abakozi ba Leta.

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UBUZIMA BUKOMATANYIJE KU RWEGO RW'IGIHUGU WIZIHIRIJWE MU KARERE HAKINGIRWA IMBWA N'INJANGWE


*Umunsi Mpuzamahanga w'Ubuzima bukomatanyije mu Rwanda wizihirijwe mu Karere hakingirwa imbwa n'injangwe*

Ku wa 12 Ugushyingo 2024, mu Murenge wa Tare hizihirijwe ku rwego rw'igihugu, Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Ubuzima bukomatanyije.

Iki gikorwa cyahujwe n'icyo gutangiza ku rwego rw'Akarere, ubukangurambaga bwo gukingira imbwa n'injangwe.

Ibi bikorwa byombi byateguwe ku bufatanye bw'Akarere, Vétérinaires Sans Frontières n'Urugaga Imbaraga.

Muri iki gikorwa cyamaze iminsi 3, abatuye Akarere bafite imbwa n'injangwe bidakingiye bashishikarijwe kwitabira kubikingiza mu rwego rwo kwirinda ko hari uwo byarya bidakingiye, bikamwanduza indwara y'ibisazi by'imbwa.

Ubushakashatsi bugaragaza ko buri mwaka, ku Isi yose, indwara y'ibisazi by'imbwa ihitana abantu bari hagati ya 26,000 na 59,000.

Ubutabazi bw'ibanze bukorerwa umaze kurumwa n'imbwa cyane cyane idakingiye, ni ukogesha isabune n'amazi meza aharumwe cyangwa ahanoshwe n'inzara z'imbwa hatarashira iminota 15.


*Abatuye Akarere bafite imbwa n'injangwe bidakingiye bashishikarijwe kubikingiza*

# UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABUNZI KWIRINDA KWAKA INDONKE ABATURAGE



*Meya NIYOMWUNGERI hamwe n'Abunzi*

Ku wa 05 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yafunguye amahugurwa yahabwaga Abunzi baturutse mu Mirenge itandukanye igize Akarere, abasaba kwirinda kwaka indonke abaturage no kwirinda gukoresha mu nyungu zabo bwite icyizere babagiriye.

Meya NIYOMWUNGERI yabwiye aba Bunzi ko nubwo akazi kabo gasaba ubwitange, bagomba kwirinda gukoresha mu nyungu zabo bwite icyizere bagiriwe n'abaturage.

Yaragize ati:"Mwagiriwe icyizere kugira ngo mutange ihumure n'ituze mu baturage, ntimwagiriwe icyizere kugira ngo mwishakire ibihembo. Ibihembo byanyu muzabibona mu gihe muzaba mwahesheje agaciro icyizere mwagiriwe."



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye kwirinda kwaka abaturage indonke*

Komite y'Abunzi ni urwego rushinzwe kunga abantu ku bibazo biri mu bubasha bwayo.

Umurimo w'abagize Komite y'Abunzi ni umurimo w'ubwitange kandi udahemberwa.

Ku rwego rw'Akagari kimwe no ku rw'Umurenge, Komite y'Abunzi igizwe n'abantu barindwi (7) b'inyangamugayo, bose bagomba kuba batuye mu Kagari no mu Murenge, bitewe n'urwego barimo, kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga.

Batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.

Icyakora, iyo manda irangiye kandi hari inzitizi ntarengwa zituma amatora adashobora gukorwa, abagize Komite y'Abunzi barangije manda bakomeza gukora inshingano batorewe kugeza igihe hatorewe ababasimbura.»

Abagize Komite y'Abunzi batorwa n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa y'Umurenge, bitewe n'urwego barimo, mu bantu batari Abayobozi b'ikirenga, abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abakozi mu nzego z'ubutabera, abari mu nzego z'umutekano, abakozi bo mu nzego z'ibanze n'abandi amategeko yihariye atabyemerera.

Abagize Komite y'Abunzi bagomba kuba barimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

# GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA CYANIKA, ASABA ABATURAGE GUKORA CYANE



*Guverineri KAYITESI mu Nteko y'Abaturage mu Cyanika*

Ku wa 12 Ugushyingo 2024, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Gitega, mu Murenge wa Cyanika, asaba abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene.

Guverineri KAYITESI yabwiye abaturage bo muri uyu Murenge ko bagomba gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere ntibumve ko bazategereza ak'imuhana.

Yabasabye kandi kugira uruhare mu bibakorerwa; kuba umusemburo w'amahoro mu ngo zabo n'aho batuye; kubahiriza gahunda za Leta; kugira uruhare mu kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo n'ibindi.

By'umwihariko yasabye abayobozi n'abagize ibyiciro byatowe guha umuturage serivisi nziza.

Yaragize ati: "Bayobozi mu byiciro bitandukanye, mugomba guha umuturage serivisi nziza, mwirinda kumusiragiza."

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye abaturage b'Umurenge wa Cyanika ku mbaraga bashyize mu buhinzi bigatuma batagirwaho ingaruka n'izuba ryabaye ryinshi mu bihe byashize.

Guverineri KAYITESI afatanyije n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI hamwe n'ubuyobozi bw'Umurenge bakiriye ibibazo n'ibyifuzo by'abaturage, bihabwa umurongo.



*Guverineri KAYITESI yasabye abaturage bo mu Cyanika gukora cyane*



*Abaturage bo mu Cyanika bashimiwe ko bashyize imbaraga mu buhinzi*

# INTARA Y'AMAJYEPFO YAKOREYE AKARERE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2024-2025



*Abayobozi b'Akarere Bungirije na Gitifu w'Akarere bakiriye itsinda ryo ku Ntara ryakoze isuzuma ry'imihigo ya 2024-2025*

Ku wa 14 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens yakiriye itsinda ry'abakozi b'Intara y'Amajyepfo ryari riyobowe na Bwana MUTAMBUKA Faustin.

Ryari rije mu gikorwa cyo gusuzuma imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025. Ryarebye kandi aho inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 zigeze zishyirwa mu bikorwa n'ibindi.

Nyuma yo kugaragarizwa uko imihigo y'Akarere iri kweswa hagendewe ku nkingi za Guverinoma uko ari 3 ari zo Ubukungu, Imibereho Myiza y'Abaturage n'Imiyoborere Myiza, ryasuzumye inyandiko zikubiyemo uko ibikorwa biri muri iyi mihigo biri kwitabwaho.




*Abakozi b'Intara bagaragarijwe uko imihigo y'Akarere iri kweswa*





*Buri mukozi w'Akarere yagaragazaga mu nyandiko uko imihigo akurikirana iri kugenda yeswa*

# ABANYAMAHANGA 2 BATUYE MU KARERE BAHAWE UBWENEGIHUGU



***Visi Meya HABIMANA yayoboye umuhango wo guha ubwenegihugu abanyamahanga 2***

Ku wa 21 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye umuhango wo guha ubwenegihugu bw'u Rwanda, abanyamahanga 2 ari bo Kabeja Kalunga na Haider Mukhtar Mohamed Ali Ladha.





***Kabeja Kalunga na Haider Mukhtar Mohamed Ali Ladha ni bo bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda***

Visi Meya HABIMANA yasabye abahawe ubwenegihugu kurangwa n'indangagaciro z'Abanyarwanda.

Yaragize ati: "Uru Rwanda mubona ubu, hari igihe rwari rufite isura mbi cyane. Ariko kubera imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida wa Repbulika y'u Rwanda, Nyakubahwa Paul KAGAME, ubu ni u Rwanda buri wese yifuza kubamo.

Rero murasabwa kwirinda amacakubiri yadusubiza mu bihe twavuyemo kandi mukarangwa n'indangagaciro z'Abanyarwanda."

Umunyamahanga usaba ubwenegihugu nyarwanda hashingiwe ku kuba mu Rwanda ashyikiriza Urwego rw'Abinjira n'Abasohoka icyemezo cy'amavuko; umwirondoro we; inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe n'ikigaragaza ko amaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) ikurikirana aba mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko.

Umuntu usaba ubwenegihugu nyarwanda ashingiye ku ishyingirwa, we ashyikiriza uru Rwego inyandiko isaba; icyemezo cy'ishyingirwa; inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku busabe; kopi y'irangamuntu y'uwo bashakanye; kopi ya pasiporo cyangwa iy'Uruhushya rwo kuba mu Rwanda, iyo aba mu Rwanda.

Uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Icyakora, ibijyanye no gutangaza uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bigenwa na Perezida wa Repubulika.

## VISI MEYA USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YAKORANYE IGITONDO CY'ISUKU N'ABABYEYI BARERERA MU ISHURI RIBANZA RYA GITANTU



*Visi Meya UWAMARIYA mu Gitondo cy'Isuku*

Ku wa 25 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakoranye Igitondo cy'Isuku n'abatuye Umudugudu wa Gitantu w'Akagari ka Nzega, Umurenge wa Gasaka, aho bakoze isuku mu Ishuri Ribanza rya Gitantu.

Basibuye ikimoteri kijyamo imyanda; basukura igikoni cy'Ishuri; batema ibyatsi, banasibura inzira z'amazi mu rwego rwo kunoza isuku no kubungabunga ibidukikije.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye ababyeyi kwita ku isuku y'abana babo by'umwihariko iyo ku mubiri n'iyo mu kanwa.

Yabasabye kandi gukomeza kuba hafi ubuyobozi bw'Ishuri kuko kurera bisaba ubufatanye.

By'umwihariko yasabye abanyeshuri kugira isuku bakaraba intoki kenshi mu rwego rwo kwirinda indwara ziterwa n'umwanda.

Nyuma y'Igitondo cy'Isuku, Visi Meya UWAMARIYA yagenzuye isuku y'ahategurirwa amafunguro n'ahandi.

Igitondo cy'Isuku ni gahunda y'Intara y'Amajyepfo ikorwa buri wa Kabiri mu gihe cy'isaha imwe.

Gusa Akarere ka Nyamagabe gafite umwihariko w'uko abatwara abagenzi kuri moto bazwi nk'abamotari n'abacuruza Me2U bo mu Mujyi wa Nyamagabe bagira umunsi wabo bakoreraho iyi gahunda nubwo bitababuza kwifatanya n'abandi buri wa Kabiri.



*VISI Meya UWAMARIYA yasabye abanyeshuri kugira isuku bakaraba intoki kenshi*



*Igitondo cy'Isuku cy'abamotari n'abacuruza Me2U*

# GUVERINERI KAYITESI YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU MURENGE WA KIBIRIZI, ASABA ABATURAGE KUBANA MU BWOROHERANE



*Guverineri KAYITESI mu Nteko y'Abaturage i Kibirizi*

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Kibirizi, asaba abaturage kubana mu bworoherane.

Ku wa 19 Ugushyingo 2024, ni bwo Guverineri KAYITESI yifatanyije n'abo mu Kagari ka Karambo, mu Murenge wa Kibirizi, mu Nteko y'Abaturage.

Yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere; kubana mu bworoherane; kugira uruhare mu gucunga umutekano w'abantu n'ibintu bitabira kurara amarondo no kwirinda icyakongera kuzana amacakubiri mu Banyarwanda.

By'umwihariko yasabye ababyeyi guha abana babo uburere bwiza.

Yabasabye kandi kubajyana mu Ishuri kuko uburere bwiza batabukura mu muryango gusa.

Inteko y'Abaturage yo mu Murenge wa Kibirizi yahujwe n'igikorwa cyo gutangiza ku rwego rw'Akarere, ukwezi kwahariwe uruhare rw'abaturage mu igenamigambi, ingengo y'imari n'imihigo 2025-2026 ndetse no kugaragariza abaturage uko ibitekerezo batanga na gahunda bishyirwa mu bikorwa mu buryo buhoraho.



*Inteko y'Abaturage i Kibirizi yahujwe n'igikorwa cyo kwakira ibyo abaturage bifuza ko byajya mu mihigo y'Akarere*

Abaturage b'Umurenge wa Kibirizi bagaragarijwe ibyo bifuje ko byakorwa mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2024-2025 bimaze gukorwa n'ibigikorwa.

Baboneyeho kugaragaza ibyo bifuza ko byazibandwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 birimo ibikorwaremezo nk'imihanda n'ibiraro.

Guverineri KAYITESI yababwiye ko ibyo bifuje ko byakorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 bitarakorwa cyangwa se bitazakorwa bitavuze ko byirengagijwe ahubwo hagishakishwa ingengo y'imari.

Yavuze kandi ko ibikorwa by'iterambere biramba iyo bishingiye ku muturage.

# JADF NYAMAGABE YIYEMEJE KUGIRA URUHARE MU BUKANGURAMBAGA BWO KWISHYURA IMISORO



*Abafatanyabikorwa b'Akarere basabwe kugira uruhare mu bukangurambaga bw'imisoro*

Ku wa 27 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye inama y'Inteko Rusange y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF Nyamagabe), abasaba kugira uruhare mu bukangurambaga bwo kwishyura imisoro. Nyuma yo kugaragarizwa ibyagezweho mu mihigo y'Akarere muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere basabwe kugira uruhare mu kwesa imihigo y'Akarere itareswa irimo uwo kwinjiza imisoro.

Past. NZIMURINDA Emmanuel watorewe muri iyi nama y'Inteko Rusange ya JADF Nyamagabe nka Perezida wayo, yavuze ko nk'abafatanyabikorwa b'Akarere bagiye gushyira imbaraga mu bukangurambaga bwo gushishikariza abaturage kwishyura imisoro by'umwihariko iy'imitungo itimukanwa, hagamijwe gufasha Akarere kwesa uyu muhigo.



*Past. NZIMURINDA uyobora JADF Nyamagabe yizeje Akarere ubufatanye mu bukangurambaga ku misoro*

Visi Meya HABIMANA yavuze ko nubwo umuhigo w'umusoro weswa buri mwaka, hashyizweho abakozi bashinzwe imisoro mu Mirenge kugira ngo bafashe mu kuwihutisha igikorwa cyo gutanga imisoro.



*Abafatanyabikorwa b'Akarere beretswe aho imihigo y'Akarere igeze yeswa*



*Visi Meya HABIMANA yasabye afatanyabikorwa b'Akarere kugira uruhare mu kwesa umuhigo wo gutanga imisoro*

# ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE MU ISUKU N'ISUKURA BASUYE IBIGEGA BY'AMAZI BUBATSE MU BIGO BY'AMASHURI BITANDUKANYE



*Gitifu SAMVURA yakiriye abafatanyabikorwa b'Akarere mu isuku n'isukura*

Ku wa 26 Ugushyingo 2024, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens yakiriye itsinda ryaturutse muri IHS Towers na Water Aid Rwanda.

Aba bafatanyabikorwa b'Akarere mu isuku n'isukura, bari baje gusura ibigega by'amazi meza byo mu butaka bubatse mu Bigo bw'Amashuri bya ES MUSHUBI, ES BISHYIGA, G.S Notre Dame Cyanika no muri Petit Séminaire Gikongoro.

Gitifu SAMVURA yashimiye aba bafatanyabikorwa bahisemo gufatanya n'Akarere mu rugamba rwo kongera ingano y'amazi meza mu Karere, abizeza ko ibi bikorwaremezo bateyemo inkunga Akarere bizabungwabungwa.

Abanyeshuri babarizwa muri Kelebu z'Isuku n'Isukura muri aya Mashuri bavuga ko amazi meza bashyikirijwe n'aba bafatanyabikorwa yongereye isuku, anatuma igipimo cy'imtsindire yabo kizamuka.



*Kimwe mu bigega byubatswe mu Bigo by'Amashuri*





*Abanyeshuri bibumbiye muri Kelebu z'Isuku n'Isukura bashima uburyo amazi meza bahawe abafasha mu myigire yabo*

# ABAGIZE URWEGO RWA DASSO MU KARERE BASABWE KURANGWA N'IMYITWARIRE MYIZA




***CSP SAFARI, Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Igihugu yasuye aba Nyamagabe***

Ku wa 26 Ugushyingo 2024, Umuhuzabikorwa w'Urwego rwunganira Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO) ku rwego rw'Igihugu, CSP Christian SAFARI yasuye Akarere agirana ibiganiro n'abahuzabikorwa barwo kuva ku bo ku rwego rw'Umurenge kugeza ku bo ku Karere.

CSP SAFARI yashimye umurava n'umuhate aba DASSO bagaragaza mu kazi kabo, bikaba biri no mu byatumye abaturage bishimira serivisi batanga nk'uko bigaragazwa n'ubushakashatsi bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyobore (RGB) ku bijyanye n'ishusho y'uko babona Imiyoborere n'Imitangire ya Serivisi mu nzego zibegereye buzwi nka Citizen Report Card (CRC).

Yabasabye gukomeza kurangwa n'imyitwarire myiza, birinda kwaka umuturage ruswa no kumuhutaza.

Yabasabye kandi kwirinda ubusinzi kuko bushobora kubanduriza isura, bugatuma abaturage babatakariza icyizere.

Yabasabye kandi gukorana neza n'izindi nzego mu rwego rwo kurushaho kunoza inshingano zabo.



***Abahuzabikorwa ba DASSO mu Karere bashimiwe imyitwarire myiza bari kugaragaza, basabwa kuyikomeraho***

# MU KARERE HATANZWE IKIGANIRO KU KWIRINDA INDWARA Z'IBYOREZO BY'UMWIHARIKO ICYA MARBURG



***Mu Karere hatanzwe ikiganiro ku kwirinda indwara z'ibyorezo***

Ku wa 25 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yayoboye ikiganiro cyibanze ku kwirinda indwara z'ibyorezo by'umwihariko icya Marburg.



***Abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere mu bitabiriye ikiganiro ku kurwanya indwara z'ibyorezo cyatanzwe n'Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere bya Kigeme***

Abitabiriye iki kiganiro, bakoze umwitozo ngiro wo gukaraba intoki neza.





***Abitabiriye ikiganiro bigishijwe uko bakaraba intoki neza***

Mu minsi ishize mu Rwanda hagaragaye icyorezo cy'indwara y'Ubushita bw'Inkende (Monkeypox cyangwa Mpox) n'icy'indwara y'Umuriro Ukabije (Marburg).

Zimwe mu ngamba Leta yashyizeho mu kubyirinda no kubirwanya, ni ugukaraba intoki kenshi kandi neza no kwirinda gukoranaho.

Nubwo muri iyi minsi mu gihugu nta barwayi b'izi ndwara bari kugaragara, Inzego z'Ubuzima zivuga ko ingamba zashyizweho zitagomba kubahirizwa gusa mu gihe ibi byorezo biri kugaragara.

## AKARERE KAKIRIYE INAMA Y'UBUTEGETSI Y'ISHAMI RY'UMURYANGO W'ABIBUMBYE RYITA KU BIRIBWA KU ISI (WFP)



*Visi Meya HABIMANA yakiriye abagize Inama y'Ubutegetsi ya WFP*

Ku wa 26 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye itsinda ry'abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa ku Isi (WFP) basuye Intara y'Amajyepfo by'umwihariko Akarere ka Nyamagabe.

Iri tsinda ryari riyobowe na H.E Ambassador Andreas VON BRANDT ryasuye Inkambi y'Impunzi ya Kigeme rigirana ibiganiro n'imwe mu miryango iyituyemo. Ryasuye kandi Igikoni cy'Umudugudu ababyeyi bateguriramo indyo yuzuye mu rwego rwo kurwanya imirire mibi mu bana.



*Abagize Inama y'Ubutegetsi ya WFP bakurikiranye imikorere y'Igikoni cy'Umudugudu mu Nkambi ya Kigeme*

Nyuma yo kuva mu Nkambi y'Impunzi ya Kigeme, basuye igishanga cya Mushishito gihingwamo n'abaturage bo muri iyi Nkambi hamwe n'Abanyarwanda bazakiriye bibumbiye muri Koperative KODUMU.

H.E Ambassador Andreas VON BRANDT wari uyoboye iri tsinda yishimiye uburyo Akarere kari gufasha izi Mpunzi mu kwiteza imbere zibifashijwemo n'abaturage bazakiriye.



*H.E Ambassador Andreas VON BRANDT yashimye uburyo Akarere kari gufasha Impunzi mu kwiteza imbere*

Visi Meya HABIMANA yagaragarije abagize iri tsinda ko kuba iki gishanga gihingwamo n'impunzi zifatanyije n'abaturage bazakiriye bizirinda kwigunga kandi bigatuma barushaho kunga ubumwe.

Abagize Inama y'Ubutegetsi ya WFP basoje uruzinduko rw'iminsi 2 bagiriraga mu Karere basura GS St W.Kibirizi, aho barebye uko gahunda yo kugaburira abana ku Ishuri (School Feeding Program) ishyirwa mu bikorwa n'uruhare igira mu guteza imbere ireme ry'uburezi.

# GUVERINERI KAYITESI YASABYE ABAYOBOZI BO KUVA KU MUDUGUDU KUGEZA KU KARERE, GUSHYIRA UMUTURAGE KU ISONGA



***Mu Karere habaye inama ya Komite Mpuzabikorwa y’Akarere***

Ku wa 29 Ugushyingo 2024, Guverineri w’Intara y’Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI yayoboye inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Akarere yari ihurije hamwe abayobozi kuva ku Mudugudu kugeza ku Karere.

Atangiza iyi nama, Guverineri KAYITESI yasabye aba bayobozi gushyira umuturage ku isonga bamukorera ibimuteza imbere.

Yabasabye kandi kwirinda kwaka indonke; kurwanya amakimbirane mu miryango; kugira uruhare rukomeye mu kujyana abana ku ishuri n'ibindi.

Nyuma yo kugezwaho gahunda y'imyaka 5 y'iterambere ry'Akarere (DDS), abitabiriye inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Akarere bunguranye ibitekerezo ku kigiye gukorwa mu rwego rwo kurushaho guha umuturage serivisi inoze.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasabye abayobozi muri rusange kwirinda gusiragiza umuturage no gushyira imbaraga mu marondo.

Yaragize ati: “Bayobozi muri hano, mugomba kwirinda gusiragiza umuturage kandi mugashyira imbaraga mu marondo.”

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO asoza inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Akarere, yasabye abayobozi mu byiciro bitandukanye guhinduka; guhindura imikorere no guhindura abo bayobora.



***Guverineri KAYITESI yasabye abayobozi gushyira imbere umuturage***



***Perezida wa Njyanama y’Akarere yasabye abayobozi kuva ku bo ku Mudugudu guhinduka***

# MU BUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 16 YO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA, ABANGAVU BABYAYE IMBURAGIHE N'ABABYEYI BABO BARAGANIRIJWE



***Abangavu babyaye imburagihe n'ababyeyi babo baraganirijwe***

Ku wa 26 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangirije mu Kagari ka Gasarenda, mu Murenge wa Tare, ubukangurambaga bw'iminsi 16 yahariwe kurwanya Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku nsanganyamatsiko igira iti:"Twubake Umuryango uzira Ihohotera."

Visi Meya UWAMARIYA watangije ubu bukangurambaga, yasabye ababyeyi kurangwa n'indangagaciro z'ubunyarwanda; gukorera hamwe no kujya inama ku bashakanye; kwirinda amakimbirane mu miryango no kudahishira abantu bahohotera abandi.




***Visi Meya yitabiriye ibikorwa by'ubukangurambaga bw'iminsi 16 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina***

Ubukangurambaga bw'iminsi 16 yahariwe kurwanya Ihohoterwa rishingiye ku gitsina bwahuriranye n'ibikorwa by'icyumweru cyahariwe kwimakaza Ihame ry'Uburinganire mu Karere, aho abangavu babyaye imburagihe n'ababyeyi babo bahawe ibiganiro bitandukanye n'Ibiro bishinzwe kugenzura Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye (GMO).

Visi Meya UWAMARIYA watangije ibi biganiro byatangiye ku wa 27 bigasozwa ku wa 28 Ugushyingo 2024, yasabye aba bangavu kudahishira ababateye inda kugira ngo bahabwe ubutabera ndetse n'abana babyaye bagire uburenganzira bwo kumenya ababyeyi babo.

Ababyeyi b'aba bangavu baganirijwe ku ruhare rwabo mu kubasubiza mu buzima busanzwe.

Umugenzuzi Mukuru w'Uburinganire Wungirije, Madame MUKANDASIRA Caritas uri mu bitabiriye ibi biganiro, yasabye ababyeyi kudahishira no kutiyunga n'ababasambanyirije abana kuko ari icyaha gihanwa n'amategeko.

Muri ubu bukangurambaga, abangavu babyaye imburagihe bahawe serivisi zitandukanye zirimo iy'irangamimerere (kwandikisha abana); iyo gufashwa kubona ubutabera n'izindi.

Beretswe kandi amahirwe ahari yo kubafasha kwiteza imbere.

Kuva tariki 25 Ugushyingo kugeza ku ya 10 Ukuboza buri mwaka, ku Isi hose hazirikanwa
iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

## UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI K'UGUSHYINGO 2024 WIBANZE KU BIKORWA BYO KUBAKIRA ABATISHOBOYE NO GUSIBURA IMIHANDA Y'IMIGENDERANO



***Visi Meya HABIMANA na DM NDAYAMBAJE mu Muganda Rusange w'Ugushyingo 2024***

Ku wa 30 Ugushyingo 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Tare by'umwihariko abo mu Kagari ka Kaganza, mu Muganda Rusange w'ukwezi k'Ugushyingo 2024.

Bubakiye umuturage utishoboye wo mu Mudugudu wa Kimicanga, banatunganya umuhanda w'umugenderano wo muri uyu Mudugudu.



***Mu Muganda Rusange usoza ukwezi k'Ugushyingo, umuturage utishoboye yarubakiwe***

Nyuma y'Umuganda, Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene, kwitabira igikorwa cyo gufasha abaturage bigaragara ko bafite imyenda mu bigo by'imari n'ahandi bigatuma bashyirwa ku rutondo rwa ba bihemu kandi nta myenda batse.



***Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere***

Inzego z'umutekano zasabye abaturage kugira uruhare mu gucunga umutekano bitabira kurara amarondo.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, Umuganda Rusange w'ukwezi k'Ugushyingo yawukoranye n'abaturage bo mu Kagari ka Kibyagira, mu Murenge wa Uwinkingi.

Hubatswe uturima tw'igikoni, hanasurwa urugo mbonezamikurire.

Nyuma y'Umuganda, Visi Meya yibukije abaturage gukora imishinga ibyara inyungu bakiteza imbere.

Yabasabye kwirinda ubuharike n'ubushoreke bakubaka umuryango ushoboye kandi utekanye.

Yabasabye kandi kubyara abo bashoboye kurera.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**